Republika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gakenke

IKINYAMAKURU

Nyakanga–Nzeri 2026

IGIHEMBWE CYA MBERE (Q1) 2026-2027

INKURU NYAMUKURU



Urupapuro 4

Gakenke: Urubyiruko rusaga 10,000 rwahawe ubumenyi mu ikoranabuhanga



Urupapuro 5

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima yasuye Ibikorwa by'Ikoranabuhanga mu Bigo Nderabuzima



Urupapuro 5

Gakenke: Hatangijwe gahunda yo guteka hakoreshejwe Gaz mu mashuri



Urupapuro 7

Gakenke: Ibirori byo Kwibohora byizihijwe ku nshuro ya 32, hatuzwa imiryango 12 yahuye n'ibiza



Urupapuro 9

Gakenke: Inama Njyanama yamuritse ibikorwa yakoze mu myaka itanu ishize

Tubahaye ikaze basomyi b'ikinyamakuru cy'Akarere ka Gakenke cy'Igihembwe cya Mbere, 2026/2027!

Iki Kinyamakuru gikubiyemo inkuru n'ibikorwa byabaye mu Karere ka Gakenke mu gihembwe cya mbere cy'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2026/2027, n'iby'ingenzi byaranze Akarere mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'igihembwe, byagize uruhare mu kuzamura iterambere n'imibereho myiza y'Abaturage.

Akarere ka Gakenke ni kamwe mu Turere tugize Intara y'Amajyaruguru y'u Rwanda. Gatuwe n'abaturage 389 110, muri bo, Abagore ni 196, 512 (50.5%) naho 30.2% ni urubyiruko.

Ubuhinzi ni wo mwuga ukorwa ukanatunga abaturage benshi mu Karere ka Gakenke, aho abasaga 92.8% bose ari abahinzi. Kazwiho guhinga no kweza kawa ifite umwihariko mu buryohe icyakora bitewe n'imiterere yako, gakunze kugirwaho ingaruka n'ibiza bikagira ingaruka ku baturage.

Binyuze mu bufatanye, ingamba z'iterambere n'uruhare rw'abaturage, Akarere ka Gakenke kazakomeza kongera ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo, Kwihutisha iterambere n'imibereho y'abaturage.

Tubifurije kunyurwa n'ibikubiye muri iki Kinyamakuru!

Bimwe mu bipimo Akarere ka Gakenke kagezeho kugeza mu mpera za Nzeri 2026

- Hahanzwe imirimo 1,608 ibyara inyungu,
- Amafaranga yazigamwe muri gahunda ya Ejo Heza yageze kuri miliyoni 211.64 Frw, angana na 118.07% by'Intego y'igihembwe,
- Imiryango 2,655 yahujwe n'amahirwe ayifasha kwivana mu bukene,
- Ingo 574 zagejejweho amashanyarazi,
- Ingo 130 zagejejweho amazi meza,
- Abaturage 363,155 bishyuye ubwisungane mu kwivuza, bangana na 96.5%,
- Abagore bafite imyaka 35 kuzamura n'abagabo bafite imyaka 40 kuzamura, bose hamwe 43,087, bapimwe indwara zitandura,
- Abaturage 1,761 basabye serivisi za Leta banyuze ku rubuga rwa IremboGov,
- Abaturage 53,741 bakoresheje ikoranabuhanga rya Mbaza, ibibazo byabo bisubizwa ku gihe ku gipimo cya 99.9%,
- Abaturage 17,348 bahuguwe ku bumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga,
- Akarere ka Gakenke kaje ku mwanya wa Kane mu mitangire ya serivisi z'irangamimerere

Ubukungu

Gakenke: Hatangijwe Igihembwe cy'ihinga, abahinzi basabwa kongera Umusaruro

Ku wa 21 Nzeri 2026, Mu Karere ka Gakenke hatangijwe ku mugaragaro igihembwe cy'ihinga cya 2027A. Ku rwego rw'Akarere, iki gikorwa cyabereye mu Kibaya cya Nyarutovu, mu Murenge wa Mugunga, hatewe ibigori mu buryo bwa kijyambere.



Igihembwe cy'ihinga cyatangirijwe mu Murenge wa Mugunga



Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Niyonsenga Aimé François, yasabye abahinzi gukurikiza amabwiriza n'uburyo bw'ubuhinzi bugezweho, gukoresha neza inyongeramusaruro no kongera ingamba zo kurwanya no gukumira indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa, hagamijwe kongera umusaruro.

Abahinzi biyemeje gukurikiza inama bahawe kugira ngo bazabone umusaruro bihaze mu biribwa basagurire n'amasoko.

Gakenke:Abagore bagera kuri 65,000 basaba serivisi z'imari bifashishije ikoranabuhanga



Umubare w'Abagore bo mu Karere ka Gakenke bakoresha serivisi zo guhererekanya amafaranga bifashishije ikoranabuhanga ugenda wiyongera

Ku wa 4 Kanama 2026, Mu Karere ka Gakenke kabereye umuhango wo gusoza ubukangurambaga bwa Gendana Konti, gahunda ya Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR), igamije guteza imbere imikoreshereze ya serivisi z'imari z'ikoranabuhanga ku bagore no kongera umubare w'abasaba serivisi z'imari bifashishije ikoranabuhanga.

Uyu muhango wahurije hamwe abagore, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa mu rwego rw'imari, hagamijwe guteza imbere no kugeza kuri bose ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi z'imari



Iki gikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Abayobozi mu Karere n'abahagarariye ibigo by'imari

Umuyobozi w'Akarere, Mukandayisenga Vestine, yagaragaje ko abagore 64,868 bo mu Karere bafite konti zikora mu bigo by'imari, harimo n'iza Mobile Money, mu gihe abagabo bazifite ari 65,293. Ibi bigaragaza intambwe imaze guterwa mu guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gusaba serivisi z'imari.



Gakenke:Urubyiruko rusaga 10,000 rwahawe ubumenyi mu ikoranabuhanga



Aya mahugurwa yatangiye muri Nyakanga 2026, nyuma y'ibiganiro byahuje Visi Meya ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Aimé François Niyonsenga, n'abahagarariye DOT Rwanda, ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

Urubyiruko rusaga 10,000 rwo mu Karere ka Gakenke rwungutse ubumenyi mu ikoranabuhanga no kwihangira imirimo, binyuze muri gahunda igamije kubafasha kubona akazi no kwihangira imirimo (Digital Skills for Employability: DSE).

Aya mahugurwa yatangiye muri Nyakanga 2026, nyuma y'ibiganiro byahuje Visi Meya ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Aimé François Niyonsenga, n'abahagarariye DOT Rwanda, ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

Mu myaka ine, iyi gahunda izafasha urubyiruko kubona ubumenyi mu ikoranabuhanga kuva ku rwego rw'ibanze kugeza ku rwego rwisumbuye, hibandwa by'umwihariko ku bakobwa n'abagore bakiri bato, urubyiruko rwo mu cyaro, n'abafite ubumuga, hagamijwe kubongerera amahirwe yo kubona akazi no kwihangira imirimo.

Iyi gahunda ishyigikira intego za NST2 na Vision 2050, igamije kongera amahirwe y'umurimo unoze, urambye kandi ufasha urubyiruko kwiteza imbere.

Imibereho myiza

Akarere ka Gakenke gakomeje Ingamba zo kugabanya igwingira ry'Abana



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, aganiriza abaturage ba Kamubuga ku ngamba zo gukumira igwingira ry'abana.

Binyuze mu mushinga KUNGAHARA, Ku wa 18–19 Nzeri 2026, Akarere ka Gakenke ku bufatanye na DUHAMIC-ADRI, kakoze ubukangurambaga bugamije kurwanya imirire mibi n'igwingira mu Mirenge ya Kamubuga na Cyabingo .



Urubyiruko rwitabiriye ubukangurambaga bwo kurwanya imirire mibi muri Cyabingo.

Muri ubu bukangurambaga hagaragajwe intambwe imaze guterwa mu kugabanya igwingira ry'abana mu Karere ka Gakenke, aho ryavuye kuri 39.3% (2019/20) rigera kuri 26% (2024/25). Abitabiriye ubu bukangurambaga bibukijwe ko kwimakaza imirire iboneye, isuku n'isukura ari zimwe mu ngamba z'ingenzi zizafasha gukumira igwingira n'izindi ndwara ziterwa n'imirire mibi.

Gakenke: Hatangijwe gahunda yo guteka hakoreshejwe Gaz mu mashuri



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke n'Ambasaderi w'u Buyapani mu Rwanda bafunguye ku mugaragaro uburyo bwo gutekesha Gaz muri Lycée Saint Jérôme Janja.

Ku wa 28 Nyakanga 2026, mu Kigo cy'Amashuri cya Lycée Saint Jérôme Janja mu Karere ka Gakenke, habereye igikorwa cyo gutaha ku mugaragaro uburyo bwo guteka hakoreshejwe Gaz (LPG), mu rwego rwo kubungabunga amashyamba no kurengera ibidukikije.

Iyi gahunda yashyizwe mu bikorwa na IOM Rwanda ku bufatanye na DUHAMIC-ADRI, ku nkunga ya Guverinoma y'u Buyapani, igamije kugabanya ikoreshwa ry'inkwi, kurengera amashyamba no kugira igikoni gifite isuku mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abanyeshuri n'abarezi. Binyuze muri iyi gahunda hubatswe ibigega bya Gaz mu Bigo by'amashuri birindwi byo mu Turere twa Gakenke na Musanze, izagira uruhare mu rugendo rw'u Rwanda rwo kwimukira ku mikoreshereze y'ingufu zitangiza ikirere.



Abitabiriye biyemeje kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije, hakoreshwa uburyo bwo gutekesha Gaz

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima yasuye Ibikorwa by'Ikoranabuhanga mu Bigo Nderabuzima

Ku wa 10 Nzeri 2026, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Ivan Butera, yasuye Akarere ka Gakenke mu rwego rwo gukurikirana imitangire ya serivisi z'ubuvuzi, by'umwihariko ikoreshwa ry'ikoranabuhanga E-Ubuzima mu kwihutisha no kunoza serivisi.



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Ivan Butera yasuye ikigo Nderabuzima cya Bushoka

Yasuye ikigo Nderabuzima cya Bushoka, Ibitaro by'Akarere bya Nemba ndetse na serivisi z'ubuzima zitangirwa mu baturage mu Murenge wa Kivuruga, hagaragazwa intambwe imaze guterwa n'imbogamizi zikigaragara mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri serivisi z'ubuzima.
Mu kiganiro n'abaturage cyabereye mu Murenge wa Gakenke, Dr. Butera yanashishikarije abaturage kwirinda kunywa, kugurisha cyangwa gukwirakwiza ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no gutanga umusanzu muri gahunda y'Ubwisungane mu Kwivuza (CBHI).



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Ivan Butera aganira n'Umujyanama w'Ubuzima kuri e-Buzma

Gakenke: Abanyeshuri 276 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro

Abanyeshuri 113 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro muri Museke VTC

Ku wa 8 Nyakanga 2026, Abanyeshuri 113 basoje amasomo y'igihe gito mu ishuri ry'imyuga n'ubumenyingiro rya Museke VTC, rihereereye mu Murenge wa Nemba, mu Karere ka Gakenke. Muri bo, 87 bahuguwe mu bijyanye no kudoda imyenda, naho 26 bahugurwa mu gutunganya uruhu no gukora ibikomoka kuri rwo.
Uyu muhango wayobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, ari kumwe n'abayobozi bashinzwe uburezi n'imyuga n'ubumenyingiro (TVET).
Aya mahugurwa agamije guha abayarangije ubumenyi ngiro bubafasha kubona akazi, kwihangira imirimo no kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'aho batuye.


Uyu muhango wayobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, ari kumwe n'abayobozi bashinzwe uburezi n'imyuga n'ubumenyingiro



Abanyeshuri 113 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro muri Museke VTC

Abanyeshuri 163 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro muri OSO mu Karere ka Gakenke

Ku wa 6 Kanama 2026, abanyeshuri 163 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro mu Ishuri rya Our Sistrer's Oppoertunity Vocational Training School, rihereereye mu Murenge wa Gakenke. Bahuguwe mu bijyanye no guhanga imideri no kudoda, kwihangira imirimo, gukora amasabune n'ikoranabuhanga mu itumanaho.

Ni icyiciro cya gatanu gisoje aya mahugurwa, kikaba cyiyongereye ku bandi barenga 600 bamaze kuyarangiza muri iri shuri, bakaba barahawe ubumenyi ngiro bubafasha kubona akazi no kwihangira imirimo.
Uyu muhango witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda, Aurélie Royet-Gounin, hamwe n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi n'iterambere.



Abanyeshuri 163 basoje amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro muri OSO mu Karere ka Gakenke


Uyu muhango witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda, Aurélie Royet-Gounin

Imiyoborere myiza

Gakenke: Ibirori byo Kwibohora byizihijwe ku nshuro ya 32, hatuzwa imiryango 12 yahuye n'ibiza



Imiryango 12 yo mu Murenge wa Mugunga yatujwe mu nzu zubatswe ku bufatanye bw'Ingabo na Polisi

Ku wa 4 Kamena 2026, ubwo u Rwanda rwizihizaga ku nshuro ya 32 Umunsi wo Kwibohora, imiryango 12 y'abatishoboye yagizweho ingaruka n'ibiza yo mu Mudugudu wa Gatonde, Akagari ka Rutabo, mu Murenge wa Mugunga, Akarere ka Gakenke, yashyikirijwe inzu yubakiwe muri gahunda y'ibikorwa by'Ingabo z'u Rwanda na Polisi.

Abahawe izi nzu bashimiye ubufasha bahawe, bavuga ko zibasubije icyizere cy'ubuzima, dore ko inzu zabo zari zarasenywe n'ibiza.

Gutuza aba baturage ni gahunda ya Leta igamije kugoboka abagizweho ingaruka n'ibiza, hagamijwe kuzamura iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.



Umuhango wo gutaha izi nzu witabiriwe n'abayobozi batandukanye harimo Perezidante w'Urukiko rw'Ikirenga

Abafatanyabikorwa b'Akarere bashimiwe Umusanzu wabo mu Iterambere ry'Akarere



Umuhango wo gusoza iri murikabikorwa witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Guverineri w'Intara y'Amajyarugu

Ku wa 31 Nyakanga 2026, Akarere ka Gakenke kasoje Imurikabikorwa ry'Abafatanyabikorwa b'Akarere ribaye ku nshuro ya 14 (Gakenke Open DAY 2026) ryabereye mu Murenge wa Gakenke, rifite insanganyamatsiko igira iti "Ubumwe bwacu nizo mbaraga zacu."

Iri Murikabikorwa ryahuje abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere n'abaturage, bamurika ibikorwa na serivisi batanga. Hashimwe umusanzu w'abafatanyabikorwa mu kugabanya ubukene, guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no gushyira mu bikorwa gahunda z'iterambere mu Karere ka Gakenke.



Abafatanyabikorwa bitabiriye iri Murikabikorwa barashimiwe kandi bahabwa ibihembo n'impamyabushobozi z'ishimwe, bashimirwa umusanzu wabo mu iterambere ry'Akarere.

Abayobozi basabye ko ubufatanye bukomeza gushimangirwa, hagamijwe kwihutisha iterambere rirambye no kurushaho guteza imbere imibereho myiza y'abaturage ba Gakenke.



Muri iri Murikabikorwa hamuritswe ibikorwa bitandukanye birimo umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi

Abaperezida 116 ba Koperative z'Abunzi bahawe Telefoni zigezweho



Abaperezida 116 ba Koperative z'Abunzi bo mu Mirenge yose bahawe Telefoni zigezweho

Ku wa 9 Nyakanga 2026, Abayobozi 116 b'Amakoperative y'Abunzi bo mu Mirenge no mu Tugari tw'Akarere ka Gakenke bahawe telefoni zigezweho, hagamijwe kubafasha kunoza itumanaho, imikoranire no kwimakaza ikoranabuhanga mu nshingano zabo za buri munsi.

Izi telefoni zatanzwe ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutabera, muri gahunda yo kuborohereza itumanaho no gusangira amakuru, gukurikirana imikorere no guteza imbere serivisi z'ubutabera zishingiye ku baturage kandi zibageraho ku buryo bworoshye.

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, yasabye abahawe telefoni kuzifata neza no kuzikoresha neza, agaragaza ko zizafasha kunoza imikorere y'Abunzi, koroshya itumanaho no guhanahana amakuru hagati yabo kandi zikagira uruhare mu kuzamura ibipimo by'uburyo abaturage bishimira serivisi z'ubutabera.

Gakenke: Urubyiruko rwashishikarijwe gukomera ku muco n'indangagaciro binyuze mu bitaramo

Hagati yo ku wa 18-27 Nzeri 2026, mu Mirenge ya Mugunga, Gakenke, Muyongwe, Ruli na Mataba habereye ubukangurambaga bw'Urubyiruko, bwashishikarije urubyiruko gukomera ku muco, indangagaciro n'imyitwarire myiza ibereye umunyarwanda, no kwirinda ibikorwa byabangamira ejo hazaza habo.


Ibi bitaramo byitabiriwe n'abanyarwenya batandukanye barimo Joriji w'i Rwanda


Ibi bitaramo byitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru




Ibi bitaramo byitabiriwe n'abahanzi batandukanye barimo Intore Tuyisenge

Ubu bukangurambaga bwahuje abayobozi batandukanye, abahagarariye inzego z'umutekano, abahanzi n'abanyarwenya, batanze ubutumwa bukangurira urubyiruko gukomera ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, kwitabira ishuri, kwihangira imirimo n'uruhare rw'urubyiruko mu iterambere ry'Igihugu.

Urubyiruko kandi rwashishikarijwe kwirinda ibiyobyabwenge, kwirinda inda zitateganyijwe no gukoresha amahirwe ahari mu bikorwa bibafasha kwiteza imbere.

Gakenke: Inama Njyanama yamuritse ibikorwa yakoze mu myaka itanu ishize



Iki gikorwa cyitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Judith Uwizeye

Ku wa 11 Nzeri 2026, Akarere ka Gakenke kagaragaje ibyagezweho n'Inama Njyanama mu gihe cya 2021–2026, by'umwihariko mu iterambere ry'Ubukungu, Imibereho Myiza n'Imiyoborere Myiza.

Umuhango witabiriwe n'abayobozi b'Akarere, abagize Inama Njyanama, abahagarariye Guverinoma barimo Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Judith Uwizeye, akaba ari Imboni y'Akarere ka Gakenke n'abafatanyabikorwa.



Perezida w'Inama Najyanama y'Akarere ari kugaragaza bimwe mu bikorwa byakozwe mu myaka itanu ishize

Mu myaka itanu, Inama Njyanama yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa rya gahunda mu buhinzi, ibikorwa remezo, uburezi, ubuzima, amazi n'amashanyarazi, ndetse no guteza imbere uruhare rw'abaturage.

Akarere kagaragaje ko hari imishinga ikirimo gukorwa, irimo Gare ya Gakenke no gukora imihanda n'ibiraro. Minisitiri Uwizeye yashimiye Inama Njyanama ku bikorwa yakoze, asaba ko hakomeza gushyirwa imbaraga mu gukemura ibitararangira no kwihutisha iterambere ry'Akarere.

Gushimira



Mukandayisenga Vestine
Umuyobozi w'Akarere

Mu gihe dusoza igihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2026-2027, turashimira byimazeyo ikipe y'abayobozi n'abakozi, abaturage n'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Gakenke ku muhate, umurava n'imikoranire myiza mwatugaragararije muri iki gihembwe. Uruhare rwanyu ni rwo shingiro ry'iterambere n'ibyagezweho mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage.

Dufashe uyu mwanya kandi tubashimira ubwitange n'umurava mwagaragaje, byatumye Akarere ka Gakenke kaza ku mwanya wa kane mu Gihugu mu mitangire ya serivisi z'irangamimerere mu mwaka wa 2025/2026. Ni ikimenyetso ko dushyize hamwe kandi dusangiye icyerekezo mu rugendo rwo gukomeza kunoza imitangire ya serivisi.
Turongera gushimangira ubushake bwacu bwo gukomeza uyu muvuduko w'iterambere. Ubumwe bwacu n'inshingano dusangiye bikomeze kuba inkingi y'ingenzi mu kubaka Akarere ka Gakenke gasukuye, gatekanye kandi gatera imbere.

Nidukomeza gushyira hamwe, turizera ko tuzagera kuri byinshi mu mezi ari imbere. Tubifurije gukomeza gutsinda, kugira imibereho myiza no gutera imbere.

Iki kinyamakuru cyateguwe na:
NSENGIMANA Evariste,
Umukozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe
Inozabubanyi, itangazamakuru n'itumanaho

CONTACTS:
Telephone: 0788972522
Email:
nsengimana.evariste@gakenke.gov.rw